بسم الله الرحمن الرحيم

Umuryango w'Abayislamu mu Rwanda

Rwanda Muslim Community

المجلس الأعلى للشؤون الإسلامية في رواندا

## HEAD OFFICE

---

# ITANGAZO

Ubuyobozi bukuru bwa **Rwanda Muslim Community (RMC)** bufatanyije n'Umuryango **Espoir de l'Avenir (EDA),** buramenyesha Abanyeshuri b' Abayisilamu **(Abahungu)** biga muri Kaminuza zikorera mu **Mujyi wa Kigali** ko hari umushinga ugamije kubafasha mu buryo bukurikira :

- Kubaha inkunga ibunganira mu myigire yabo
- Kubazigamira hagamijwe kuzababafasha kurwanya ubushomeri ubwo bazaba barangije amashuri
- Guhabwa amahugurwa mu bumenyi butandukanye

Abanyeshuri bifuza gufashwa muri iyi gahunda bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba yiga mu mwaka wa **Mbere** wa Kaminuza iherereye mu **Mujyi wa Kigali**, atarasibiye muri Kaminuza kandi yaragize byibuze Amanota **70%** mu kizamini cya Leta gisoza Amashuri yusumbuye.
2. Kuba azi gusoma neza Qor'an. Abaye yarafashe mu mutwe byibuze **Ijuzu rimwe** byaba ari akarusho
3. Kuba afite imico myiza kandi yitabira gahunda z' idini ya Islam byemezwa n'icyemezo gitangwa na Imam w' Akarere uwo munyeshuri abarizwamo.
4. Kuba yiteguye gukurikira gahunda zose ziteganywa muri uyu mushinga

Abifuza gufashwa muri iyi gahunda kandi bujuje ibisabwa, bakwandikira Mufti w'u Rwanda ibaruwa iherekejwe na **CV** zabo ndetse n'ibyangombwa bigaragaza ibyasabwe haruguru, ikoherezwa kuri Email rwandamuslimcscholarship@gmail.com no kuri espoireda@gmail.com bitarenze tariki ya **03/11/2025** i saa sita z' amanywa **(12h00)**. Ku bindi bisobanuro mwabaza kuri Telephone igendanwa **0785310052** cg **0788539102**.

Abujuje ibisabwa bazamenyeshwa umunsi w' ijonjora hakoreshejwe E-mails telephone zabo.

Muhorane amahoro y'Imana.

**Bikorewe I Kigali kuwa 29 Ugushyingo 2025**

**SIBOMANA Salim**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa RMC.**

B.P. 594 KIGALI-RWANDA OFFICE TEL : +250 795449980 Email : rwandamuslimc@gmail.com